REPUBULIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

ITANGAZO

AMATORA Y'ABAJYANAMA B'UTURERE

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iramenyesha Abanyarwanda bose, by'umwihariko abagize Inteko zitora, ko Amatora y'Abajyanama b'Uturere ateganyijwe azakorwa mu buryo bukurikira:

1. **Amatora yo ku wa 09/11/2021**
   Muri ayo matora hatorwa abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu, iy'Abagore, iy'Urubyiruko n'iy'Abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Akarere. Abahuzabikorwa b'izo Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu uko ari batatu (3) bazaba mu bagize Inama Njyanama y'Akarere. Amatora akorwa mu ibanga abatora bandika amazina y'abo batoye.

2. **Amatora yo ku wa gatandatu tariki 13/11/2021**
   Muri ayo matora hatorwa Abajyanama b'abagore batanu (5) bangana na 30% by'Abagize Inama Njyanama y'Akarere. Batorwa n'abagize Inama Njyanama z'Imirenge yose igize Akarere na Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku Karere. Amatora akorwa mu ibanga abatora bavivura imbere y'amazina n'ifoto by'umukandida ku rupapuro rw'itora.
   Icyitonderwa: Uturere tutazashobora gutora ku wa gatandatu tariki 13/11/2021 bitewe n'impamvu zinyuranye, tuzatora ku munsi ukurikiyeho tariki 14/11/2021.

3. **Amatora yo ku itariki 16/11/2021**.
   Muri ayo matora hatorwa Abajyanama Rusange umunani (8). Batorwa n'Abagize Inama Njyanama z'Imirenge igize Akarere, Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore, iy'Urubyiruko n' iy'abafite ubumuga na Komite y'Abikorera ku rwego rw'Akarere. Amatora akorwa mu ibanga abatora bavivura imbere y'amazina n'ifoto by'umukandida ku rupapuro rw'itora.

4. **Amatora yo ku itariki 19/11/2021:**
   Muri ayo matora hatorwa Biro y'Inama Njyanama y'Akarere igizwe n'abantu batatu (3) batorwa mu Bajyanama b'Akarere ari nabo bagize inteko itora.
   Hatorwa kandi Komite Nyobozi y'Akarere. Itorwa n'abagize Inama Njyanama y'Akarere, abagize Inama Njyanama z'Imirenge igize Akarere, Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu ku rwego rw'Akarere na Komite y'Abikorera ku rwego rw'Akarere.
   Amatora akorwa mu ibanga abatora bandika amazina y'abo batoye

DUTORE NEZA! DUTORE INGIRAKAMARO!

Bikorewe i Kigali, ku wa 09/11/2021.

Digitally signed by NEC(Chairman)

Prof. KALISA MBANDA
Perezida wa Komisiyo y 'Igihugu y'Amatora